UZIHOREZWA NA YO !

Nagenze imitaga
Nabonye amatage
Nateye udutambwe
Nabonye ubutindi
Nabonya abatindi
Nabonye ibyo ntazi
Mbitinzeho cyane
Ndatinda ndatinya
Kuzinukwa biraza!

Nazinutswe gutura
Iyi ntindi dutuye
Abatuyemo nkanjye
Babirimo gitera
N'icyabibateye
Ntakizi ngo nkice!

Nabanje guhata
Ngo ndwanye uwo mwanzi
Uwo nitaga umwanzi
Musanga bimuhama
Gusa bitamuharirwa ;
Aho narasaga umwanzi
Yari ahari ari uko
Ariko siho yari gusa!

Nasanze iyo ndwano
Nari ndimo ndwana
Ntazapfa nyitsinze
Ntapfuye nyirwana
Ubuzima ndabureba
Mba mbwise urugamba,

Urugendo nagenze
Irya minsi narwanye
N'ishimwe nabonye
Nzi yuko natsinze
Mbihanzeho amaso
Mbiburira amahuro

Mba nanze urugamba
Ntatinye urugamba
Nduburiye gahunda!

Kuneza rubanda
Nasanze bigoye!

Kurwanya abakwanga
Nabiburiye umwanya:
Ko iminsi nahawe
Kuzabaho ku isi
Se bayiruta ubwinshi!

Ko impamvu se wangwa
Ziremwa n'abakwanga ?
Kubaho nabo bariho
Ko byakiza byinshi
Ariko bo ntibashake
Ko wabaho uko uri
Mbinywereye uwuhe?

Iyo uhanganye n'undi
Ari hirya uri hino
Mushobora kurasana
Uwatanze undi icyico
Akamwica agataha
Ariko se iyo ukwanga
Musangiye isoko?
Iyo ariwe se ugusasira?
Muhuje amasano ?
Iyo mwitwa amaraso amwe ?
Iyo mwarasaga hamwe ?
Iyo uwakurasaniye
Ariwe se uyu ukurasaho ?

Ubuzima burakundwa
Ndabizi ndabibona

Iyo ndora izo gahunda
Ziduhoza mu mayira
Zitubuza kugoheka.
No kubuta ubirebye
Bigomba ubutwari !
Icyo ntazi nayobewe
Ni igituma bukundwa !

…Umutoni uri mutoya
Utari uwo gutamikwa
Cyo tuza dutarame
Utavaho untega yombi
Ubuzima ukabuzinukwa
Utarabona impamvu

Ubikesha ibyo wumva
Mvugishwa n'iminsi
Yanteye gutera
Iyo ntambwe yantonze
Yandangiye abanzi
Baturimo tubazi
Tutazi icyo tuzira
Atari ibyo duhariwe
Tutanabihakana
Kuko bigize ubuzima
Tubona tuzimana
Kubuzimya kikazira !

Ese mwana wa mama
Ko unteye agahinda
Nari nzi ko undenze
Ubwo uteye iyo ntambwe
Ikurangira intore
Igutiza umurindi !

Ese uzabona utwaza
Ube intwari ubitware
Ubiturane ituze ?

Iyo ntore ngutota

Mbitwara uko ubimpa
Ubutwari uyirata
Ibusanganwa iteka
Ngo utuze utegereze
Igutize umurindi
Mutwarane umutana
Igutwaje n'umuheto
Musange urugamba
Musangire umwanzi
Ko byabarasanaho ?

Ntiyaba se ahunga
Wenda ahuzagurika
Ngo atinye urugamba
Atizeye gutsinda
Cyangwa rudashamaje
Ukazabona atashye
Agutegeje abanzi
Ugatangira kuruha
Utararya ubutoya,
Ukarambirwa kubaho
Utarumva uko babaho,
Ukazanga abakwanga
Bakwanga ari benshi
Kurenza uko wanga !
Ko nduzi se utewe
Watutiye imitanago ?

Cyakora ntugorwe
Icy'ingenzi urakizi
Abakwanga ntibabura
Ni bande si ngombwa
N'impamvu ube uziretse
Nateruye nkubwira
Ko ushatse uwo yanga
Abishakira impamvu !
Uko ahubwo bagwira
Kugorwa ujye ubireka
Ubikesha ubutwari !

Witinya kurwana

Urugamba rw'ubuzima ;
Icyo ugomba kubanza
Ugatangira ukizi
Ujye ureba iyo urwana
Ko ikwiye kurwanwa.

Niwibuka yuko
Uwo wanga ari ntawe
Ukareba ibyo uhembwa
Kubera ubwo buntu
Ujye usanga Iyaturemye
Iguture iyo ntimba !
Yakurokoye umwanzi
Urusumbya abo uruzi
Ikurenza irya minsi
Yasigaranye benshi :
Ntizakuva impande
Utayiyamye ubwawe !